Repubulika y'u Rwanda
**Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu**

**Kigali, kuwa 21/01/2026**
**№ 0795/07.01**

**Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;**
**Madamu, Bwana Guverineri w'Intara (Bose);**
**Madamu, Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose);**
**Madamu, Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose);**
**KIGALI**

**Impamvu: Kubagezaho Amabwiriza ashyiraho Inteko y'Abaturage**

Bwana Muyobozi w'Umujyi;
Madamu, Bwana Guverineri;
Madamu, Bwana Muyobozi w'Akarere;
Bwana Muyobozi Nshingwabikorwa;

Nejejwe no kubagezaho, ku mugereka, Amabwiriza ashyiraho Inteko z'Abaturage, nkaba mbasaba kuyageza kubo bireba bose no gutangira kuyashyira mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

**HABIMANA Dominique**
**Minisitiri**

**Bimenyeshejwe:**

- Madamu Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI.**

Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU Nº......001/07.01......YO KU WA......21/01/2026..........ASHYIRAHO INTEKO Y'ABATURAGE**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko Nº 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali;

Ashingiye ku Itegeko Nº 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere;

Ashingiye kuri Politiki ivuguruye yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage yo mu mwaka wa 2021 igamije kugira imiyoborere yimakaza gukorera mu mucyo, guha abaturage uruhare mu miyoborere y'Igihugu cyabo no muri gahunda zigamije kubateza imbere, hagamijwe kwishakamo ibisubizo;

Amaze kubona ko Inteko y'Abaturage ifite uruhare runini mu kongera uruhare rwabo mu ifatwa ry'ibyemezo no mu kubakemurira ibibazo;

Asubiye ku mabwiriza N° 003/07.01 yo kuwa 12/12/2019 afasha inzego z'ibanze gukemura ibibazo by'abaturage;

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imikorere y'Inteko y'Abaturage;

**ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**INGINGO YA MBERE: ICYO AYA MABWIRIZA AGAMIJE**

Aya mabwiriza y'Inteko y'Abaturage agamije:

Kunoza imikorere y'Inteko y'Abaturage nk'uburyo bugamije guha abaturage urubuga rwo gutanga ibitekerezo kuri Politiki z'Igihugu na porogaramu zigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage no gukemura ibibazo byabo kandi babigizemo uruhare.

**INGINGO YA 2: ICYO INTEKO Y'ABATURAGE IGAMIJE**

Inteko y'Abaturage igamije ibi bikurikira:

(a) Guha urubuga abaturage rwo gutanga ibitekerezo no kugira uruhare mu miyoborere;
(b) Kugira uruhare mu igenamigambi na gahunda z'iterambere n'imibereho myiza aho batuye;
(c) Gukemura ibibazo by'abaturage babigizemo uruhare.

**INGINGO YA 3: IMITERERE Y'INTEKO Y'ABATURAGE N'AHO IBERA**

**(a) Imikorere y'Inteko y'Abaturage**

i. Inteko y'Abaturage ni urubuga abaturage bahuriramo n'abayobozi bakungurana ibitekerezo hagamijwe kugira uruhare mu miyoborere no gushaka ibisubizo biganisha ku iterambere ryabo.

ii. Inteko y'Abaturage ni urubuga rwo gukusanya ibitekerezo by'abaturage ku igenamigambi ry'iterambere n'ingengo y'imali, no guha abaturage amakuru ku byagezweho ku bitekerezo byatanzwe mbere. Ni umuyoboro

w'ibiganiro abaturage bifashisha mu kubaza abayobozi inshingano, guhabwa no gusaba amakuru kuri gahunda za Leta.

iii. Mu Nteko y'abaturage, abayobozi bakira bakanakemura ibibazo by'abaturage, abaturage babigizemo uruhare;

iv. Buri muturage wese utuye mu Kagari yitabira Inteko y'Abaturage. Abayobozi b'izindi nzego zisumbuye bashobora kwitabira Inteko y'Abaturage.

(b) **Aho Inteko y'Abaturage ibera**

i. Mu Turere tugize Intara ndetse n'Umujyi wa Kigali, Inteko y'Abaturage itegurwa kandi igateranira ku rwego rw'Akagari. Aho Inteko y'Abaturage ibera hashobora gusimburanwa byumvikanyweho n'Ubuyobozi bw'Akagali;

ii. Mu gihe bigaragara ko Akagari ari kanini cyane ku buryo Inteko y'Abaturage biba ngombwa ko iteranira ahantu harenze hamwe, Akagari kabimenyesha ubuyobozi bw'Umurenge;

iii. Inteko y'Abaturage ishobora gukorwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu rwego rwo guha amahirwe ababyifuza gukurikiranira Inteko y'Abaturage aho bari no kuyigiramo uruhare mu gutanga ibitekerezo;

**INGINGO YA 4: IGIHE INTEKO Y'ABATURAGE ITERANA**

(a) Inteko y'Abaturage iterana kabiri (2) mu kwezi, kuwa kabiri w'icyumweru cya mbere no kuwa kabiri w'icyumweru cya gatatu cy'ukwezi hagati ya saa munani z'amanywa (14h00) na saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00);

(b) Icyakora, mu gihe hari gahunda ihoraho ihuriranye no kuwa kabiri, cyangwa hari indi mpamvu ifatika yatuma Inteko y'Abaturage itabasha kwitabirwa kuri uwo munsi wateganyijwe (Urugero: umunsi w'Isoko, umwihariko w'ahantu runaka...), Ubuyobozi bw'Umurenge bw'aho Akagari gaherereye bumenyesha Ubuyobozi bw'Akarere umunsi n'isaha Inteko y'Abaturage yimimuriweho bakabona kubimenyesha abaturage.

**INGINGO YA 5: IMIYOBORERE Y'INTEKO Y'ABATURAGE**

(a) Inteko y'Abaturage itumizwa kandi ikayoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa umwungirije mu gihe adahari. Igihe hari Umuyobozi uvuye ku rwego rwisumbuye witabiriye Inteko y'Abaturage, ayobora iyo nteko. Iyo aho Inteko y'Abaturage ibera harenze hamwe Ubuyobozi bw'Umurenge bugena abayobora Inteko y'Abaturage.

(b) Mbere y'uko Inteko y'Abaturage itangira, abaturage bagaragarizwa aho imyanzuro y'Inteko y'Abaturage y'ubushize igeze ishyirwa mu bikorwa ndetse n'ingingo ziri bwigweho.

(c) Inteko y'Abaturage iyoborwa mu buryo buboneye kandi bwakira ibibazo n'ibitekerezo bya buri wese mu buryo bwubaka.

(d) Inteko y'Abaturage itegurwa kandi ikayoborwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. By'umwihariko, mu rwego rwo korohereza abafite ubumuga hashyirwaho uburyo bwo kubafasha gutanga ibitekerezo.

(e) Nyuma y'Inteko y'Abaturage, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ategura raporo y'Inteko y'Abaturage igaragaża aho Inteko yabereye, ingingo zaganiriweho n'ibitekerezo byatanzwe, umubare w'ibibazo byakiriwe, ibyakemutse n'ibitakemutse n'impamvu bitakemutse n'igikwiye gukorwa;

(f) Raporo yohererezwa Ubuyobozi bw'Umurenge mu gihe kitarenze umunsi umwe uhereye umunsi Inteko y'Abaturage yateraniyeho. Ubuyobozi bw'Umurenge bugenzura ko ibyemezo byafashwe bikurikije amategeko. Ibibazo by'abaturage byakiriwe n'ibisubizo byatanzwe bishyirwa muri sisitemu y'ikoranabuhanga ya "Mbaza" ako kanya bikimara kwakirwa.

**Icyitonderwa**: Imbonerahamwe ikoreshwa mu gutanga raporo y'ibibazo byakiriwe ku rwego rw'Akagari n'Umurenge iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

(g) Icyemezo gifashwe n'Inteko y'Abaturage kigomba kubahirizwa. Icyakora, umuturage utishimiye icyemezo cyafashwe n'Inteko ashobora kugeza ikibazo cye ku rwego rwisumbuye ndetse n'izindi nzego zibishinzwe;

(h) Buri kwezi, Akarere gakora raporo y'ibibazo byakiriwe mu Nteko y'Abaturage, ibyakemutse n'ibitakemutse bigikurikiranwa, igatangwa ku Ntara n'Umujyi wa Kigali, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikagenerwa kopi;

(i) Ibibazo bitakemutse bireba izindi nzego, Akarere gakurikirana ko bikemuka kandi kakabikorera raporo itangwa buri kwezi ikohererezwa Intara cyangwa Umujyi wa Kigali, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikagenerwa kopi.

**Icyitonderwa**: Imbonerahamwe yifashishwa mu gutanga raporo y'ibibazo bireba izindi nzego iri ku mugereka wa II w'aya mabwiriza.

(j) Ubuyobozi bw'Intara, Umujyi wa Kigali, Akarere n'Umurenge busabwa kwitabira no gukurikirana imigendekere y'Inteko y'Abaturage mu rwego rwo kwegera abaturage no kunganira Ubuyobozi bw'Utugari mu gukemura ibibazo by'Abaturage. Ubuyobozi bw'Akarere bugena kandi bugakurikirana uburyo abakozi b'Akarere n'Imirenge bitabira Inteko y'Abaturage.

**INGINGO YA 6: GUTEGURA GAHUNDA Y'INTEKO Y'ABATURAGE**

(a) Ubuyobozi bw'Akagali butegura gahunda inoze y'Inteko y'Abaturage igaragaza ingingo zizaganirwaho igashyikirizwa urwego rwisumbuye iminsi itatu (3) mbere y'uko Inteko y'Abaturage iterana. Iyo gahunda abaturage bayitangaho ibitekerezo mbere y'uko Inteko y'Abaturage itangira. Urwego rwisumbuye (Umurenge, Akarere) rushobora guha ingingo ziganirwaho Inteko y'Abaturage.

(b) Igihe hari umufatanyabikorwa ufite ingingo ireba abaturage, abanza kubimenyesha Ubuyobozi bw'Umurenge iyo ngingo ikabona gushyirwa kuri gahunda y'ibizaganirwaho.

**INGINGO YA 7: ICYITONDERWA**

Aya mabwiriza ntasimbura ubundi buryo bwo gukemura ibibazo by'abaturage no gutanga serivisi. Abayobozi n'abatanga serivisi basabwa gukomeza gukemura ibibazo by'abaturage no gutanga serivisi umunsi ku munsi, neza kandi vuba.

**INGINGO YA 8: IVANWAHO RY'INGINGO Z'AMABWIRIZA**

Amabwiriza N° 003/07.01 yo kuwa 12/12/2019 afasha inzego z'ibanze gukemura ibibazo by'abaturage n'izindi ngingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo bivanyweho.

**INGINGO YA 9: IGIHE AYA MABWIRIZA ATANGIRA GUKURIKIZWA**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 21 Mutarama 2026**

**HABIMANA Dominique**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

**UMUGEREKA WA I: IMBONERAHAMWE IZAJYA IKORESHWA MU GUTANGA RAPORO Y'IBIBAZO BYAKIRIWE KU RWEGO RW'AKAGARI N'UMURENGE**

| No | Amazina y'uwatanze ikibazo | Indangamuntu | Akarere | Umurenge | Akagari | Umudugudu | Telefone | Ikiciro (irangizarubanza, ubutaka, ingurane, akarengane) | Urwego cyoherejwemo | Icyakozwe | Icyongerwaho (cyakemutse Yego/oya), imbogamizi |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | |

**UMUGEREKA WA II: IMBONERAHAMWE YIFASHISHWA MU GUTANGA RAPORO Y'IBIBAZO BIREBA IZINDI NZEGO**

| No | Amazina y'uwatanze ikibazo | Indangamuntu | Akarere | Umurenge | Akagali | Umudugudu | Telefone | Imiterere y'ikibazo | Icyakozwe | Icyakorwa | Ikiciro | Itariki | Cyakemutse go (yego/a) | Umwanzuro |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | | | |